19 Messages- 19th Commemoration of Genocide Against the Tutsi

1. Rubyiruko bana b'u Rwanda: Nimureke amateka twanyuzemo atubere imbarutso yo kumenya imbaraga n'ubushobozi twifitemo. Duhanze amaso ejo hazaza; intego n'umurava nibyo bituranga.

2. U Rwanda rwavuye ahakomeye, nk'urubyiruko twiyemeje kugera ikirenge mu cy'abatubanjirije, umurage badusigiye tukawigisha abazadukomokaho

3. Twibuke dufata mu mugongo abacitse ku icumu tubafashe kandi duharanira ko badaheranwa n'agahinda

4. Ibikomere by'Abanyarwanda bizomorwa nanjye, nawe, twese dufatanije

5. Kubiba urwango mu bana b'Abanyarwanda byangije umuco w'urukundo n'ubufatanye, duharanire gushyira hamwe, urukundo rube intego mu bana b'u Rwanda.

6. Mfasha kubaho untiza ijwi duhuze intero n'ingendo nigobotore agahinda natewe no kubura abanjye muri Jenoside yakorewe Abatutsi

7. Umurage dukwiye guha abana badukomokaho ni ukubabwira amateka nyayo y'u Rwanda, bizabafasha mu gufata ingamba zo kubaka u Rwanda rwiza

8. Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ntibyahagarara. Turibuka ariko tuniyubaka

9. Intego yacu ni imwe, ubutumwa dufite ni bumwe: n' ugushishikariza isi yose kurwanya Jenoside n'ibindi byaha byibasira inyoko muntu

10. Abahakana n'abapfobya Jenoside bakomeje kwiyongera, umugambi wabo ni ukudusubiza mu icuraburindi no kwimakaza ikinyoma. Bavandimwe, muze dushyire hamwe tubamagane kandi tugaragaze ukuri kuko ariwo musingi w'iterambere nyaryo

11. Umugabo arigira yakwibura agapfa, kwigira bibe intego kuko ak'imuhana kaza imvura ihise.

12. Reka turangwe n'indoto nziza ariko tunakore cyane tuzigereho vuba

13. Turiho dufite ubuzima, dufite indoto, kandi dufite icyizere cyo kubaho neza

14. Ntawagera ku byiza adahagurutse ngo abikorere; iryo niryo hame ritugenga

15. Imbogamizi n'ibibazo ntibyabura, ariko tuzirikane intego yo kwigira

16. Intambwe tumaze gutera niyo ndende. Dukomeze duharanire iterambere ry'u Rwanda twubaka ejo hazaza heza tutibagiwe amasomo twasigiwe n'amateka

17. Ubu noneho dushobora kwihangira ejo hazaza heza ari nako twubaka amateka y'u Rwanda

18. Kumenya intego yacu biduha umurava wo kwihuta mu kuyigeraho

19. Urubyiruko nirwo nshingiro y'impinduka mu Rwanda; ntitwakongera kwemera kuba ibitambo by'amateka